



Kanama / August 2017 *ikinyaruanda*
Tura umuzigo wawe, uwukorere
Uhoraho, na we azagutera
inkunga! (Zab 55,23)

Nkiza imihangayiko!
Take away my sorrows!

„Freunde des Wortes“

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen
Tel.: 0049-172-5638432
Mail: mail@onword.de
homepage www.onword.de

Nshuti bakunzi b'ijambo,

Uyu mugani Abadage baca uratwigisha: „Ntiwabuza inyoni z'imihangayiko n'ishavu kuguruka hejuru y'umutwe wawe, ariko wazibuza kwarika ibyari byazo mu musatsi wawe. Ni gute twakiga uko twitwara mu gihe cy'imihangayiko, ku buryo itatubuza amahwemo?

Umwanditsi w'Ivanjili Luka adutekerereza iby'inshuti ebyiri za Yezu n'uburyo bari bihebye nyuma y'urupfu rwe. Bari mu rugendo bava i Yeruzalemu, aho Yezu, „Amizero yabo“ yari amaze gupfira. Mu nzira, umwe yatakiraga undi agahinda ke. Ayo maganya yabo ariko yabafashije gakeya. Ahubwo ukuganya kwabo kwarushagaho kubatsindagira mu mwijima. „Ku bw'amahirwe“ haza undi muntu arabegera. Ni uko arababaza ati: „ni ibiki mugenda muvuga mu nzira?“ Niko kumusubizanya umwaga banamubaza niba ari we wenyine waba atari azi ibyabereye i Yeruzalemu. Uwo muntu wari waje abasanga akomeza guhatiriza arababaza ati: „ni ibiki?“ Ni uko batangira rero kumutekerereza, amizero nindoto bari bafite, bamutekerereza ukwiheba n'ugushidikanya barimo. Kubasha kuvuga akaga kabo kose byabaguye neza! Bahereye ko bubura umutwe bongera gushobora kugenda bemye no guterera amaso hakurya. Mu kanya gato barasobanukiwe. Bahuye n'Imana muri uri wo muntu wihitiraga. Yari Imana ubwayo. Mu kibazo gishotora yababajije, yabakuriyeho umuhangayiko bari bafite.

Nshuti bakunzi b'ijambo, dufashanye kugira ngo imihangayiko ntizigere yarika ibyari byayo mu musatsi wacu. Kenshi utuganiro tugufi turimo gusetsa no gutebya dushobora kubohora umutima wacu. Urugero: „Huum uzi yuko iminkanyari ku gahanga kawe yari yiyongereye ho gake?“ Dufashanye kubwiranga imihangayiko yacu. Yezu aherako aza adusanga! Igikurikiraho ni uko iyo mitwaro yacu tuyimuhereza! Yezu arashakisha imihangayiko yawe! Arashaka kukubona wishimye. Niyo mpamvu dukwiye kumusenga tugira tuti: **Nkiza imihangayiko Nyagasani! - Take away my sorrows!**

Ku bw'ikipe ya OnWord

Meinolf Wacker